

Ihame ry'ubuyobozi mu Kuzamura abantu



“Ugurira umupfapfa cyangwa umuhisi, Ameze nk’umurashi ukomeretsa abantu bose.” Imigani 26:10

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Kubaka bivuga kuzuzwa, kwagura cg gutunganya buhoro buhoro. Ubuzima n’urugendo kandi twese dufite uruhare rwo kurugenda mu mbaraga, mu bwenge ndetse na roho yacu. Ntabwo tuvuka dukuze, ahubwo tuvuka dufite ubushobozi bwo gukura. Ese ni kuki ari byiza gutanga akazi ku muntu udafite ubumenyi ukakima umuntu ufite ubumenyi ariko afite umutwe munini? Biroroshye, Umuntu ufite ubumenyi yibwira ko abizi byose; akabona, byamukomerera gukurikiza amategeko yaho agiye. Ubumenyi bwe bushobora kuba ari bwiza pe, ! ariko mu gihe afite ubwibone, ashobora kuzaba ikibazo. Ibi bivuze ko ubushake bw’umuntu rero bufite akamaro kanini kurusha ubumenyi. Iyo dufite ubushake bw’umuntu, birashoboka ko rero no kuyoborwa neza.

Hari ibintu bibiri by’ingenzi bifite akamaro ku ngaruka z’ubuzima:

1. Umuryango twavukiyemo tugakuriramo.
2. Ahantu duhitamo kuba

Aho tubaye bwa mbere haba atari amahitamo yacu. Ukuboko kwatugaburiye, imyumvire n’uburyo batureze, kimwe n’ibintu badutoje ibi bigira ingaruka nyishi ku ngaruka zabayeho. Kuki? Ni ukubera ko twe twemeze nk’ibumba rishobora kubumbwamo ishusho iyo ariyo yose. Imyaka yacu ibanza umunani mu buzima ishobora kugena umuntu tuzaba we kubera uburere batwubatsemo. Nta kabuza, ko dushobora kwifatira ibindi byemezo nyuma yaho, ariko nabyo bizaba bishingiye kuri bwa burere twatojwe.

Icyo kabiri ni aho tuba, aho twihitamo kuba, dore ko ho ari ingenzi kurusha n’aha mbere, kuko ibyemezo dufata bitugiraho ingaruka. Rero, niba icya banje ari ahantu heza, bizakomeza kutwubaka. Ariko niba hari habo cg ahantu ha-

futame habyara ububata, dufite uburunganzira bwo kuhemera cg tugashaka ahandi. Bimeze nko gukizwa. Aho dutuye haduha uburere bushya ndetse n’ama-hirwe yahuzwa n’ubushobozi dufite. Tugomba kwibuka imbaraga z’ahantu dutuye. Rero mu mutwe cg muri roho ya muntu hameze nk’imbuto; kuri buri kabuto rero habamo ubuzima. Iyo akabuto rero kari ahantu humye, hakonje, ntabwo ishobora gukura; izarumba. Ariko iyo uyifashe ukayoshyira ahantu hashyushye, izahita rwose ikura. Izazamuka irabe inagaragaze umusaruro ifite mu gihe aho ibarizwa hayiguye neza. Kimwe rero no ku bantu—iyo ahantu hatuguye neza, turakura maze tukabyara mu bushobozi dufite. Iri hame ryakora no mu muryango wacu, mu bucuruzi/umurimo wacu cg ikigo runaka.

Tugomba guhora tuzirikana ibi bintu bitatu mu gihe turimo gukura no gutera imbere:

1. Uzashyireho icyerekezo gihoraho cy’ahantu wifuza kujya.
2. Reba mu gihe cyahise urebe ko niba ko waba ukeneye kugira ibyo wasiga inyuma bya kera.
3. Itoze indangagaciro z’ubuzima maze uhitemo izo ubona zagufasha ku ntego wiyemeje.

Ntabwo rero gukora ibi byakagombye

kumvikana ko ari iby’abantu bato gusa. Kuko, uko dukomeza kubaho naya mico imwe gusa, niko bidukomerera kuyivaho. Rero tugomba kwemera ko niba dushaka gukoresha bushobozi dufite, tugomba guhora twiteguye guhinduka. Rimwe na rimwe dushaka guhindura abandi aho kwihindura ubwacu. Niba tugiye guhindura abana bacu, abakozi cyangwa aho tubarizwa, tugomba kubayobora mu ndangagaciro nyazo. Nk’ababyeyi, tugomba gufata inshingano yo gutegura abana bacu ku bw’igihe kizaza. Imbere habo niba bahagana. Nk’abakoresha, tugomba gufasha abantu kwinjira mu bigo byacu bafite biteguye ejo habo. Imbuto zigaragara muri ubwo buyobozi no kuzamura abantu ni hangwa ry’umuco, muri ha hantu dutuye. Tugomba guhora twibuka ko twubatswe cg turema ubuzima tubayemo hamwe n’ibyo twagezeho binyuze mu buryo twazamuye abantu bacu.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Urugendo rwo kwikunda, bimeze nko gufata urugendo rw’ikiruhuko ariko utavuye mu rugo.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingenzabihe kw’ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed